# 1: Uri Uwera Uwera

1. Uri Uwera Uwera ,Mwami Mana yacu,
Kare mu gitondo tukuririmbire :
Uri umunyambaraga uri umunyebambe;
Uri Ubutatu uri Imana imwe

2. Uri uwera Uwera; dore abera bose,
baguhimbazanya n'abamalayika,
Tukuramye, Mwami, wahozeho kera,
Kandi uriho, kandi uzahoraho.

3. Uri Uwera Uwera, kandi ubwiza bwawe
Buruta uko bwarebwa n'abacumuye.
Niwowe wenyine wera urusha bose
Ubuntu no gutungana kose.

4. Uri Uwera Uwera, Mwami Mana yacu,
Ibyaremwe byose biragusingiza :
Ur'umunyambarag'ur'umunyebambe:
lngoma yawe ntizahanguka.

Visit us at burundi.indirimbo.com